REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°06/2018: **Taliki ya 1–28 Gashyantare 2018**

Ryoherejwe kuwa 2 Werurwe 2018

Ingingo z'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse muri Gashyantare 2018; cyagaragajeko imvura yabaye nke mu bice byo hagati; imvura yanabaye nke ugereranyije n'iyari isanzwe igwa muri ibyo bice mu gihe ahandi hose mu gihugu habonetse imvura iri ku kigero gisanzwe kugeza hejuru (ugereranyije n'imvura isanzwe iboneka muri Gashyantare kuri buri bupimiro)
- Imvura yabonetse ifite icyerekezo cy'amajyaruguru ndetse n'icy'uburengerazuba yatumye hakomeza kubaho ubwiyongere ku **bubobere bw'ubutaka** bwagaragaje ubwiyongere uko ibice byagiye bikurikirana by'ukwezi kwa Gashyantare muri utwo duce cyane kurusha ahandi mu gihugu ariko muri rusange ubuhehere bwariyongereye hose
- **Ukwezi kwa Werurwe 2018;** hateganyijwe imvura izaba iri ku kigero cy'isanzwe iboneka hose mu gihugu

I. Iriburiro

Muri Gashyantare 2018; habonetse imvura yabaye nke mu bice byo hagati; imvura yanabaye nke ugereranyije n'iyari isanzwe igwa muri ibyo bice mu gihe ahandi hose mu gihugu habonetse imvura iri ku kigero gisanzwe kugeza hejuru (ugereranyije n'imvura isanzwe iboneka muri Gashyantare kuri buri bupimiro)

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye muri Gashyantare_2018 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	Gashyantare_2018	Gashyantare
Kigali (Kanombe)	21.0	92.2
Rusizi (Kamembe)	191.1	134.9
Rubavu (Gisenyi)	129.9	88.9
Nyamagabe (Gikongoro)	165.0	134.9
Ngoma (Kibungo)	100.9	107.2
Gicumbi (Byumba)	125.0	80.3
Musanze (Ruhengeri)	66.4	90.3
Gitega	41.8	75.6
Rubengera	100.8	97.6
Byimana	94.6	105.7
Kawangire	29.6	98.8
Nyagatare	39.1	47.7

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye muri Gashyantare_2018; imvura isanzwe igwa muri iyo minsi. Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye mu Mutarama_2018 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): Gashyantare_2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): Gashyantare



Ikarita ya3: Imvura yaguye (mm): Mutarama_2018



Ikarita ya4: Imvura isanzwe igwa (mm): Mutarama



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu muri Gashyantare_2018 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse muri Gashyantare_2018 cyerekanye igabanuka ku mvura mu bice byo hagati mu gihugu (ukuyemo uburengerazuba bwaho); imvura yanabaye nke ugereranyije n'iyari isanzwe igwa muri ibyo bice mu gihe ahandi hose mu gihugu habonetse imvura iri ku kigero gisanzwe kugeza hejuru (ugereranyije n'imvura isanzwe iboneka muri Gashyantare kuri buri bupimiro; reba **Ikarita1&2**). Naho muri Mutarama_2018; cyagaragaje imvura nyinshi mu gihugu cyane mu gihugu hagati ndetse n'Amajyepfo guhera mu majyaruguru yo hagati umanuka kugeza amajyepfo yose; habonetse imvura nyinshi kuruta ahandi; imvura kandi yabonetse ku gipimo cyo hejuru y'isanzwe iboneka muri uko kwezi kuri buri bupimiro (reba **Ikarita3&4**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Gashyantare 2018 igice cya mbere Ikarita6: Gashyantare 2018 igice cya kabiri Ikarita7: Gashyantare 2018 igice cya gatatu

Muri Gashyantare_2018; amafoto y'icyogajuru yerekana ubwiyongere bw'ubuhehere uko iminsi yagiye ikurikirana (**Ikarita 5, 6&7;** zirerekana ibice bya Gashyantare; icya mbere; icya kabiri ndetse n'icya gatatu uko bikurikirana); cyane ubwiyongere ku bubobere bukaba bugaragara mu bice by'amajyaruguru ndetse n'iby'uburengerazuba kubera imvura yahabonetse ari nyinshi ugereranije n'iyabonetse ahandi mu gihugu

b) Iteganyagihe ry'ukwezi kwa Werurwe_2018

Muri Werurwe 2018; hateganyijwe imvura izaba iri ku kigero cy'isanzwe iboneka hose mu gihugu kuri bupimiro; aho hateganyijweko amajyepfo y'uburasirazuba hazaboneka imvura nke mu gihe Amajyaruguru y'uburengerazuba ndetse n'amajyepfo y'uburengerazuba ho hateganyijwe imvura nyinshi ugereranyije n'indi mvura izaboneka ahandi mu gihugu

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)